ITANGAZO

Ishyaka FDU-INKINGI hamwe n'Ihuriro Nyarwanda RNC (Rwanda National Congress), tumaze kubona itangazo ku myanzuro y'inama ya Biro Politiki y'Inteko y'Igihugu Iharanira Répubulika (CNR - INTWARI ) yateraniye i Bruxelles mu Bubiligi ku wa 9 no ku wa 10 Mata 2011, twasanze ari ngombwa gutangaza ibi bikurikira:

Nk'uko itangazo rya CNR – Intwari ribivuga, hashize amezi arenga ane Ihuriro Nyarwanda RNC na CNR – Intwari bitangiye imishyikirano yo gusuzumira hamwe uburyo bwo gufatanya guharanira impinduka mu mitegekere y'u Rwanda. Mu mubonano wabaye kuri 27 mutarama 2011, Ihuriro Nyarwanda RNC ryaganiriye na CNR-Intwari ku masezerano y'ubufatanye ryari rimaze gushyiraho umukono hamwe na FDU-INKINGI mu mwiherero wabereye i Montreux (Suisse) hagati ya 21-25 Mutarama 2011. CNR-Intwari imaze kubona ibitekerezo-remezo byumvikanyweho hagati ya RNC na FDU-INKINGI yifuje kwifatanya n'iyo miryango mu nkundura ya politike binyujijwe muri *plate-forme* ihuriweho n'imiryango iharanira impinduka ishingiye kuri demokrasi mu Rwanda.

Nk'uko Ihuriro RNC n'ishyaka FDU-INKINGI twabigaragarije abanyarwanda n' amahanga mu nyandiko no mu biganiro bitandukanye, twemera ko impinduka izazanira abanyarwanda demokarasi n' amahoro arambye igomba guhumuriza abanyarwanda b'ingerí zose n'amoko yose. Kugira ngo ibyo bishoboke, bizakenera gushingira ku bitekerezo, ingamba, n' ibikorwa bifasha abanyarwanda kubahana, kubabarirana, kwihanganirana no kwiyunga.

Kimwe mu bitandukanya abanyarwanda muri iki gihe ni ukutavuga rumwe ku mateka y' igihugu cyacu n' abagituye, cyane cyane ku bijyanye n' amahano yabaye n' akarengane kakorewe abanyarwanda b' ingerí zoze. Ubwiyunge nyakuri bugomba gushingira k'ukuri ku byerekeye amahano n'ibyaha by'ubugome byakorewe bose kugira ngo ababigizemo uruhare bakurikiranwe n'amategeko ku buryo abanyarwanda bose bumvikanyeho.

RNC na FDU-INKINGI tumaze gusuzuma ibyatangajwe na CNR-Intwari ku wa 10 mata 2011 nyuma y'inama yavuzwe hejuru, turamenyesha abanyarwanda n'abandi bose ko tudasangiye n'uwo mutwe wa politiki imitekerereze n'imyumvire ku kibazo cya génocide yo muri 1994.

Dusanga mu gihe tugezemo nta mpaka zikiriho ku kibazo cya genocide yakorewe abatutsi mu Rwanda muri 1994. Genocide y' Abatutsi izwi kandi yemerwa n' Abanyarwanda b' ingerí zose, ikaba yaranemejwe n'inzego za ONU zibishinzwe zishingiye ku maperereza na za raporo zakozwe n'impuguke hamwe n'imiryango mpuzamahanga inyuranye iharanira uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

Imvugo yemeza ko genocide y' Abatutsi yateguwe kandi igashyirwa mu bikorwa na FPR ifatanije na ba mpatsibihugu ntabwo ishingiye k'ukuri.

Twemera kandi ko hari ubwicanyi bwakorewe Abahutu mu Rwanda mu gihe cya genocide na nyuma yayo, haba mu Rwanda haba no muri Kongo. Ubwo bwicanyi nabwo bwemezwa n' iperereza n' ubushakashatsi byakozwe n' abahanga mu by' amategeko, imiryango mpuzamahanga iharanira uburenganzira bw' Ikiremwa muntu na ONU. *Mapping Report* ya ONU yakozwe k'ubwicanyi bwabereye muri Kongo bwibasiye impunzi z'abahutu ivuga ko ubwo bwicanyi bushobora kuba ali génocide. Dushyigikiye ko ubwo bwicanyi bukurikiranwa ndetse n'impaka ku nyito yabwo zikarangira bityo bigashyirwa ahagaragara tukamenya niba ari ibyaha by'intambara n'ibyaha byibasiye inyokomuntu cyangwa se niba na yo ari genocide.

Tuzi neza ko ubwicanyi bwibasiye Abahutu, haba mu Rwanda haba no muri Kongo, butakurikiranywe ngo buhanwe mu buryo butabogamye n' inkiko z'u Rwanda cyangwa se n'urukiko mpuzamahanga TPIR. Leta y'u Rwanda yimye Abanyarwanda ubwisanzure bwo kuvugisha ukuri kuri ubwo bwicanyi, kugira ngo abapfushije ababo bose babone ubutabera, bibuke ababo kandi babashyingure mu cyubahiro.

Dushyigikiye ko Abanyarwanda bagira ubwisanzure bwo kuganira kuri ubwo bwicanyi bwakorewe Abahutu bityo intera, kamere, n'inyito y' ubwo bwicanyi mu rwego rw' amategeko ikamenyekana, abaregwa ko babugizemo uruhare bakisobanura, abahamwa n' icyaha bagahanwa mu buryo abanyarwanda bemeje.
Kuba hatarabaho ubutabera butabogamye ntibikwiye kuba urwitwazo rwo guhakana ukuri kuri génocide yakorewe Abatutsi. Ibyaha byakorewe Abahutu ntibikwiye kuba intandaro yo gupfobya génocide yo muri 1994 cyangwa kugereka amahano yose yabaye mu Rwanda kuri FPR yonyine.

FDU-INKINGI na RNC dusanga ibikorwa n' imvugo bifobya iyo genocide bibangamiye imigambi yo guteza imbere demokarasi, ubwiyunge n' amahoro arambye mu Rwanda no ku bwiyunge nyabwo. Kwegeka ayo marorerwa ku ruhande rumwe ni ukwirengagiza nkana ukuri.

Ku kibazo cy' uruhare rw' amahanga mu gutegura no gushyira mu bikorwa genocide n' ibindi byaha byibasiye inyoko muntu byabereye mu Rwanda, dukwiye kugira ubutwari bwo kwemera uruhare rw'Abanyarwanda ubwabo aho kwegeka no gutsindira amakosa yabo ku banyamahanga.

Kubirebana n' ibyo itangazo rya CNR-Intwari rivuga kuri FDLR, Ihuriro Nyarwanda RNC na FDU Inkingi nta bufatanye bafitanye n' uwo muryango ndetse nta masezerano yo kuba abavugizi ba FDLR ariho.

Twemera ko abagize FDLR ali abanyarwanda, kandi bafite uburenganzira ku gihugu cyabo, ali nacyo cyacu. Twemera ko ikibazo cyabo kirangizwa mu nzira za politiki aho gushyira imbere intambara. FDLR yahisemo inzira y'intambara mu gihe twe twimakaje inkubiri ya demokrasi.

Kuri izo ngingo uko ari eshatu , ni ukuvuga kuri: genocide, uruhare rwa mpatsibihugu muri genocide, n'imikoranire na FDLR, FDU-Inkingi n'Ihuriro Nyarwanda RNC

twitandukanije ku mugaragaro n'imyumvire n'ibitekerezo bya CNR-Intwari nk'uko byasohotse mw'itangazo ryabo.

Bitangajwe ku wa 20 Mata 2011

Washington DC:

Dr. Theogene Rudasingwa
Umuhuzabikorwa w' Agateganyo
IHURIRO NYARWANDA (RNC)

Contact:

Gervais Condo
Tel:001-540-560 8131

Lausanne:

Dr. Nkiko Nsengimana
Umuyobozi w'Inama Mpuzabikorwa
FDU-INKINGI

Contact:

Sixbert Musangamfura
Tel: 00358407168202